




# Kwihorera kw'Inyoni y'ubuki

## The Honeyguide's revenge

 Zulu folktale

 Wiehan de Jager

 Patrick Munyurangabo

 4


 Ikinyarwanda [rw](#) / English [en](#)



Iyi ni inkuru ya Ngede, Inyoni y’ubuki, n’umuhungu muto wigisambo witwa Gingile. Umunsi umwe ubwo Gingile yari hanze ahiga yunvise uguhamara kwa Ngede. Umunwa wa Gingile watangiye kuzura amerwe kubw’igitekerezo cy’ubuki. Yarahagaze yunviriza yitonze, ashakisha kugeza ubwo yunvise injwi ry’inyoni mu amashami hejuru y’umutwe we. “Chitik-chitik-chitik,” akanyoni gato karavuga, ubwo kagurukaga mu igiti kacya mukindi. “Chitik-chitik-chitik,” karahamagara, gahagara rimwe na rimwe kugirango kamenye ko Gingile yagakurikiye.

...

This is the story of Ngede, the Honeyguide, and a greedy young man named Gingile. One day while Gingile was out hunting he heard the call of Ngede. Gingile’s mouth began to water at the thought of honey. He stopped and listened carefully, searching until he saw the bird in the branches above his head. “Chitik-chitik-chitik,” the little bird rattled, as he flew to the next tree, and the next. “Chitik, chitik, chitik,” he called, stopping from time to time to be sure that Gingile followed.



Nyuma y'igice k'isaaha, bageze ku igiti kinini. Ngede yasimbukaga mu amashami karakaye. Karangije gaturiza ku ishami rimwe, gahanga umutwe kuri Gingile nkaho kavugaga ngo, "ngiki! Ngwino nonaha! Niki ugitegereje?" Gingile ntiyabonaga inzuki habe nimwe ari muni y'agiti, ariko yizeraga Ngede.

...

After half an hour, they reached a huge wild fig tree. Ngede hopped about madly among the branches. He then settled on one branch and cocked his head at Gingile as if to say, "Here it is! Come now! What is taking you so long?" Gingile couldn't see any bees from under the tree, but he trusted Ngede.



Ubwo Gingile yashyize hasi icumu ryo guhiga munsi y'igiti, akusanya ibishara byumye acana umuriro muto. Umuriro urimo kwaka neza, yashyize inkoni ndende hagati mu umuriro. Iyi nkoni yarizwiho gukora umwotsi mwinshi iyo kiri gushya. Yatangiye kurira, afashe mu amenyo impera itari gushya.

...

So Gingile put down his hunting spear under the tree, gathered some dry twigs and made a small fire. When the fire was burning well, he put a long dry stick into the heart of the fire. This wood was especially known to make lots of smoke while it burned. He began climbing, holding the cool end of the smoking stick in his teeth.



Bidatinze yunva ukuduhira kw'inzuki zihuze. Zinjiraga zisohoka mu igitsinsi k'igiti - ikiva cyazo. Ubwo Gingile yageraga mu ikiva yajombye impera iriho umwotsi mu umwobo. Inzuki zirukankiye hanze, zirakaye. Zagurutse zihunga kubera zitakunze umwotsi - ariko ntizagiye zitabanje kumudwina.

...

Soon he could hear the loud buzzing of the busy bees. They were coming in and out of a hollow in the tree trunk – their hive. When Gingile reached the hive he pushed the smoking end of the stick into the hollow. The bees came rushing out, angry and mean. They flew away because they didn't like the smoke – but not before they had given Gingile some painful stings!



Ubwo inzuki zari zagiye, Gingile yashyize ibiganza bye mu icyarire. Yasohoye ibishashara by'ubuki byuzuye intoki, binjera ubuki n'ibyana byinzuki. Yashyize ibishashara muri igifuka yatwaye ku urutuku, atangira kumanuka igiti.

...

When the bees were out, Gingile pushed his hands into the nest. He took out handfuls of the heavy comb, dripping with rich honey and full of fat, white grubs. He put the comb carefully in the pouch he carried on his shoulder, and started to climb down the tree.



Ngede yarebye yishimye yishimye buri kimwe Gingile yakoraga. Yari itegereje ko ayisigira igishashara k'ishimwe. Ngede yagenze kuva mugiti ijya mu ikindi, yegera hasi y'igiti. Birangije Gingile yageze hasi y'igiti. Ngede yicaye ku urutare hafi yumuhungu itegereza igihembo cyayo.

...

Ngede eagerly watched everything that Gingile was doing. He was waiting for him to leave a fat piece of honeycomb as a thank-you offering to the Honeyguide. Ngede flittered from branch to branch, closer and closer to the ground. Finally Gingile reached the bottom of the tree. Ngede perched on a rock near the boy and waited for his reward.



Ariko, Gingile yazimije umuriro, aterura icumu rye atangira kujya imuhira, atitaye ku inyoni. Ngedede ahamagara arakaye, “VIC-torr! VIC-torr!” Gingile arahagara, ahanga amaso aka nyoni gato araseka cyane. “Urashaka ubuki, nshuti yange? Ha! Nakoze akazi kose, nadwinzwe. Ni iyihe mpanvu nasangira ubu buki mwiza nawe?” Arangije aragenda. Ngedede yari arakaye cyane! Ibi sibya uko yagafashwe! Ariko yari kwihorera.

...

But, Gingile put out the fire, picked up his spear and started walking home, ignoring the bird. Ngedede called out angrily, “VIC-torr! VIC-torr!” Gingile stopped, stared at the little bird and laughed aloud. “You want some honey, do you, my friend? Ha! But I did all the work, and got all the stings. Why should I share any of this lovely honey with you?” Then he walked off. Ngedede was furious! This was no way to treat him! But he would get his revenge.





Umunsi umwe nyuma y'ibyumweru byinshi Gingile nanone yunvise uguhamagara kwa Ngede. Yibutse ububuki buryoshye, akurikira inyoni nanone. Nyuma yo kuyobora Gingile ku impera z'ishyamba, Ngede arahagara iraruhukira mu umunyinya (ugira amahwa). "Ahh," Gingile aratekereza. "Igiva kigomba kuba kiri muri iki giti." Byihuse yakoze umuriro muto, atangira kurira, n'igiti cy'umwotsi mu amenyo. Ngede arica arareba.

...

One day several weeks later Gingile again heard the honey call of Ngede. He remembered the delicious honey, and eagerly followed the bird once again. After leading Gingile along the edge of the forest, Ngede stopped to rest in a great umbrella thorn. "Ahh," thought Gingile. "The hive must be in this tree." He quickly made his small fire and began to climb, the smoking branch in his teeth. Ngede sat and watched.



Gingile aurora, yibaza impanvu atunva uguduhira gusazwe. “Birashoboke ko ikiva kiri kure mu igiti,” yaribwiye. Yazamutse irindi shami. Ahuza amaso n’ingwe aho kubona ikiva! Ingwe yari irakaye cyane kubera gukangurwa. Yafunze amaso yayo, ifungura umunwa wayo yerekana amenyo yayo manini asongoye cyane.

...

Gingile climbed, wondering why he didn’t hear the usual buzzing. “Perhaps the hive is deep in the tree,” he thought to himself. He pulled himself up another branch. But instead of the hive, he was staring into the face of a leopard! Leopard was very angry at having her sleep so rudely interrupted. She narrowed her eyes, opened her mouth to reveal her very large and very sharp teeth.



Mbere yuko Ingwe yagasharatuye Gingile, yamanutse igiti yihuta, ihusha ishami yikibita hasi avunika akagombambari. Agenda avumbagira yihuta bishoboka. Ku ubwamahirwe ye, Ingwe yari igifite ibitotsi ntiyamwirukankana. Ngede, akanyo k'ubuki, kari kihoreye. Na Gingile yize isomo rye.

...

Before Leopard could take a swipe at Gingile, he rushed down the tree. In his hurry he missed a branch, and landed with a heavy thud on the ground twisting his ankle. He hobbled off as fast as he could. Luckily for him, Leopard was still too sleepy to chase him. Ngede, the Honeyguide, had his revenge. And Gingile learned his lesson.



N'abana ba Gingile iyo bunvise inkuru ya Ngede baha icyubahiro akanyoni gato. Buri gihe basaruye ubuki, bibuka gusiga akanyoki k'ubuki igice kinini cy'igishashara!

...

And so, when the children of Gingile hear the story of Ngede they have respect for the little bird. Whenever they harvest honey, they make sure to leave the biggest part of the comb for Honeyguide!



# Global Storybooks

[globalstorybooks.net](http://globalstorybooks.net)

**Kwihorera kw'Inyoni y'ubuki**

**The Honeyguide's revenge**

 Zulu folktale

 Wiehan de Jager

 Patrick Munyurangabo (rw)

